# Ntawatera u Rwanda ngo abishobore - Gen Kabarebe

Yanditswe na Ernestine Musanabera
23-10-2016
http://www.kigalitoday.com



*Gen Kabarebe yabwiye uru rubyuko ko u Rwanda rurinzwe neza ntawaruvogera*

Minisitiri w'ingabo Gen. James Kabarebe yabwiye urubyiruko rw'abahungu barokotse jenoside yakorewe abatutsi 1994, ko **ntamwanzi watera u Rwanda ngo abishobore** kuko rurinzwe.

Yabivugiye mu kiganiro cyateguwe na Imbuto Foundation yagiranye n'uru rubyiruko rwibumbiye mu muryango w'Abanyeshuli barokotse Jenoside "AERG" ndetse na "GAERG", kuri iki cyumweru tariki 23/10/2016.



***Sandrine Umutoni Umuyobozi mukuru w'agateganyo wa Imbuto Foundation Yateguye ibi biganiro***

Gen Kabarebe yahumurije aba banyeshuri baturutse muri za kaminuza zitandukanye zo mu Rwanda, ko bagomba gukomera bagakora ibikorwa bibubaka kuko ubu u Rwanda rufite umutekano kandi rurinzwe.

Ati “**Ntawatera u Rwanda ngo bishoboke**, umwanzi w’u Rwanda ni uwakongera kugarura amacakubiri mu banyarwanda wenyine”.

Yaboneyeho gusaba urwo rubyiruko ko rugomba kuba maso bakarwanya uwo ari we wese washaka kongera **gusubiza abanyarwanda mu macakubiri** y’amoko kuko aribyo byatuma u Rwanda rwongera korama.

Avuga ku kurokoka Jenoside, Gen Kabarebe yibukije urwo rubyiruko ko rugomba kubibonamo ikimenyetso cyo gukomera no kurinda u Rwanda kongera gusubira muri ayo mateka mabi banyuzemo.



*Ni urubyiruko rwibumbiye mu mashyirahamwe y’abacitse ku icumu ya AERG na GAERG*

Urwo rubyiruko narwo rwamwijeje ko inyigisho zo kwiremamo icyizere yabahaye , zirwongereye imbaraga zo gukomeza kubaka u Rwanda rwiza rw’ejo hazaza hazira jenoside.

Ngombwa Christian umwe mu bitabiriye ibi biganiro avuga ko inyigisho bahawe zabafashije kwiremamo icyizere no kurinda ubusugire bw’igihugu kugirango hatazagira usubiza u Rwanda mu macakubiri.

Avuga ko ari inshingano zabo kurinda igihugu akurikije amateka cyanyuzemo, asanga Abanyarwanda bose bafatanyije bagomba kurwanya ikintu cyose cyakongera kubasubiza mu macakubiri.



*Uru rubyiruko rwibukijwe ko gucika ku icumu bigomba kubongerera imbaraga mu kubaka igihugu*

Ntigengwa John, Umuyobozi wungirije mu imbuto Foundation avuga ko inyigisho baha urubyiruko rwarokotse jenoside zibafasha gukira ibikomere no kudaheranwa n'agahinda ariko cyane cyane bakababateguramo Abanyarwanda beza bakunda igihugu cyabo.

Uwo muyobozi yavuze ko gutegura urubyiruko, ari inzira imwe izabafasha kubaka u Rwanda rwiza rw'ejo hazaza hazira jenoside.



*Abakuru b'Ingabo baje kwifatanya n'uru rubyiruko*

**JK :** **Ngo ntawe uzatera u Rwanda ngo abishobore ?**

*Nkuko Général Kabarebe abyivugira, nibyo muli iki gihe, u Rwanda rufite* ***umutekano*** *ariko*

*Nta **amahoro** rufite. Kandi nuwo mutekano bazawugira mugihe kingana iki?*

*Général Kabarebe akeka ko abandi basore n'inkumi nabo barokotse jenoside n'ubundi bwicanyi bulimo itsemba bwoko byakorewe ababyeyi babo n'imilyango yabo ubu bakaba batabalizwa mu **"Imbuto Fondation",** ntibabalizwe muli **"ARG"** ntibabalizwe muli **"GAERG"** ntibagire **"KAMINUZA"** babalizwamo atali ukubura ubwenge ahubwo ali ukubura amikoro, yibwira ko muminsi, amezi cyangwa imyaka ili imbere **bazakora iki?***

*Ngo ntawatera u Rwanda ngo bishoboke? Bizashoboka kuko aliyo maherezo. Nizeye ko Generali atakibeshya ko u "Rwanda rutera aliko rudaterwa". Kuko byarabaye taliki ya 01/10/1990 kandi byarashobotse.*

*Ngo gusubiza abanyarwanda mumacakubili !!! Amacakubili ni iki? Ni ayahe? Ni ukuvuga ko mu Rwanda hali akarengane? Ivangura ? Kuvangura imfubyi n'abapfakazi ? Kuvangura abiciwe ? Abakomeretse ? Bamwe bagafashwa abandi bagahigwa bukware ? Kuvuga ibi nibyo kugarura amacakubili ? Ese ubundi barayagarura nkaho hali aho yagiye ?*

*Generali Kabarebe ulibeshya rwose, ntabwo ali urubyiruko ruzalinda u Rwanda gusubira mumateka mabi, ahubwo nimwe « abayobozi » mwagombye kubikora, mugakora politiki yumwikanisha abatura Rwanda ; none politiki yanyu irerekeza abaturarwanda muli ako kaga uvuga, kandi nawe urabibona, iyo bitaba ibyo, ntuba waje kubivuga nyuma y'imyaka irenga 20 muvuga ko mwigisha ubumwe ; Ubumwe bw'ikinyoma mwigisha **bwanze gufata**.*

*Aba bana ntacyo bazabikoraho, ahubwo urabashuka, urabahuma amaso kandi **bazabigwamo.** Dore ab'inkwakuzi batangiye kwibeshya ko bafite inshingano zo <u>kurengera ubusugire bw'igihugu</u>. Ibi nibyo bishora urubyiruko <u>mubwicanyi</u> rwibeshya ko rulimo kurengera igihugu kandi iyi nshingano atali iyabo ali iy' **ingabo z'igihugu** ntabwo ali iy'urubyiruko nkuko bilimo byigishwa mu Rwanda muli iki gihe. Ingabo z'igihugu nizo zishinzwe kulinda ubusugire bwacyo kuko ziba zarabitojwe kandi zarahawe ububasha n'ubushobozi bwo kubikora. Abategetsi nka ba Generali Kabarebe bashaka kubishoramo urubyiruko barababage bifashe. Amahirwe bagira nuko yenda nyuma yabyo batazaba bagihali ngo bazabibazwe.*